

<p>ITEGEKO N° 71/2019 RYO KU WA 29/01/2020 RISHYIRAHU IKIGO GISHINZWE UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI MU RWANDA</p>	<p>LAW N° 71/2019 OF 29/01/2020 ESTABLISHING RWANDA WATER RESOURCES BOARD</p>	<p>LOI N° 71/2019 DU 29/01/2020 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DES RESSOURCES EN EAU</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p>	<p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</u></p>	<p><u>Article 2: Legal personality and autonomy</u></p>	<p><u>Article 2: Personnalité juridique et autonomie</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Icyiciro RWB ihereyemo</u></p>	<p><u>Article 3: Category of RWB</u></p>	<p><u>Article 3: Catégorie du RWB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Icyicaro cya RWB</u></p>	<p><u>Article 4: Head office of RWB</u></p>	<p><u>Article 4: Siège du RWB</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RWB</u></p>	<p><u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF RWB</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU RWB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Intego ya RWB</u></p>	<p><u>Article 5: Mission of RWB</u></p>	<p><u>Article 5: Mission du RWB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Inshingano za RWB</u></p>	<p><u>Article 6: Responsibilities of RWB</u></p>	<p><u>Article 6: Attributions du RWB</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Ububasha bwa RWB</u></p>	<p><u>Article 7: Powers of RWB</u></p>	<p><u>Article 7: Pouvoirs du RWB</u></p>

<p>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RWB N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO</p>	<p>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RWB AND PERFORMANCE CONTRACT</p>	<p>CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU RWB ET CONTRAT DE PERFORMANCE</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Urwego rureberera RWB</p>	<p><u>Article 8:</u> Supervising authority of the RWB</p>	<p><u>Article 8:</u> Organe de tutelle du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Amasezerano y'imihigo</p>	<p><u>Article 9:</u> Performance contract</p>	<p><u>Article 9:</u> Contrat de performance</p>
<p>UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RWB</p>	<p>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RWB</p>	<p>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RWB</p>	<p><u>Article 10:</u> Management organs of RWB</p>	<p><u>Article 10:</u> Organes de direction du RWB</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Section One:</u> Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Section première:</u> Conseil d'administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 11:</u> Composition of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 11:</u> Composition du Conseil d'administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 12:</u> Powers of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 12:</u> Pouvoirs du Conseil d'administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 13:</u> Responsibilities of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 13:</u> Attributions du Conseil d'administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 14:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 14:</u> Attributions du président du Conseil d'administration du RWB</p>

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 15:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 15:</u> Attributions du vice-président du Conseil d’administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 16:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y’Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 16:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 16:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d’administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi ya RWB aya muri uwo mwanya n’uko asimburwa</p>	<p><u>Article 17:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors of RWB and modalities for replacement</p>	<p><u>Article 17:</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d’administration du RWB et modalités de remplacement</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB n’ifatwa ry’ibyemezo</p>	<p><u>Article 18:</u> Convening and holding of a meeting of the Board of Directors of RWB and decision-making</p>	<p><u>Article 18:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’administration du RWB et prise de décisions</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Itumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB ry’umuntu ushobora kuyungura inama</p>	<p><u>Article 19:</u> Invitation of a resource person to a meeting of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 19:</u> Invitation d’une personne ressource à une réunion du Conseil d’administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB n’inandikomvugo yayo</p>	<p><u>Article 20:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 20:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d’administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB</p>	<p><u>Article 21:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 21:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d’administration du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa</p>	<p><u>Article 22:</u> Personal interest in issues under consideration</p>	<p><u>Article 22:</u> Intérêt personnel dans les points à l’examen</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Ibigenerwa abagize Inama y’Ubuyobozi ya RWB bitabiriye inama</p>	<p><u>Article 23:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors of RWB</p>	<p><u>Article 23:</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d’administration du RWB</p>

<p>Iciviro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB <i>n'uko bashyirwaho</i></p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB</p> <p><u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RWB</p> <p><u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa ba RWB</p> <p><u>Ingingo ya 28:</u> Sitati igenga abakozi ba RWB</p> <p><u>Ingingo ya 29:</u> Imiterere y'inzego z'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RWB</p> <p><u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RWB</u></p> <p><u>Ingingo ya 30:</u> Umutungo wa RWB n'inkomoko yawo</p> <p><u>Ingingo ya 31:</u> Itegurwa n'iyemezwa ry'ingengo y'imari</p>	<p><u>Section 2: Executive Organ</u></p> <p><u>Article 24:</u> Composition of the Executive Organ of RWB and modalities for appointment</p> <p><u>Article 25:</u> Responsibilities of the Executive Organ of RWB</p> <p><u>Article 26:</u> Powers and duties of the Director General of RWB</p> <p><u>Article 27:</u> Duties of other staff members of the Executive Organ of RWB</p> <p><u>Article 28:</u> Statutes governing the staff of RWB</p> <p><u>Article 29:</u> Organisational structure, salaries and fringe benefits allocated to the staff of RWB</p> <p><u>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF RWB</u></p> <p><u>Article 30:</u> Property of RWB and its sources</p> <p><u>Article 31:</u> Budget preparation and approval</p>	<p><u>Section 2: Organe exécutif</u></p> <p><u>Article 24:</u> Composition de l'Organe exécutif du RWB et modalités de nomination</p> <p><u>Article 25:</u> Attributions de l'Organe exécutif du RWB</p> <p><u>Article 26:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur général du RWB</p> <p><u>Article 27:</u> Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe exécutif du RWB</p> <p><u>Article 28:</u> Statut régissant le personnel du RWB</p> <p><u>Article 29:</u> Cadre organique, salaires et avantages alloués au personnel du RWB</p> <p><u>CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU RWB</u></p> <p><u>Article 30:</u> Patrimoine du RWB et ses sources</p> <p><u>Article 31:</u> Préparation et approbation du budget</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 32:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RWB</p>	<p><u>Article 32:</u> Use, management and audit of the property of RWB</p>	<p><u>Article 32:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine du RWB</p>
<p><u>Ingingo ya 33:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari ya RWB</p>	<p><u>Article 33:</u> Annual financial report of RWB</p>	<p><u>Article 33:</u> Rapport annuel des états financiers du RWB</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRE ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 34:</u> Kwegurirwa abakozi</p>	<p><u>Article 34:</u> Transfer of employees</p>	<p><u>Article 34:</u> Transfert du personnel</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u> Kwegurirwa umutungo, imyenda n'amasezerano</p>	<p><u>Article 35:</u> Transfer of property, liabilities and contracts</p>	<p><u>Article 35:</u> Transfert du patrimoine, du passif et des contrats</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u> Igihe cy'inzibacyuho</p>	<p><u>Article 36:</u> Transitional period</p>	<p><u>Article 36:</u> Période transitoire</p>
<p><u>Ingingo ya 37:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p>	<p><u>Article 37:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</p>	<p><u>Article 37:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p>
<p><u>Ingingo ya 38:</u> Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko</p>	<p><u>Article 38:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 38:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 39:</u> Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 39:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 39:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEGEKO N° 71/2019 RYO KU WA 29/01/2020 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI MU RWANDA</p>	<p>LAW N° 71/2019 OF 29/01/2020 ESTABLISHING RWANDA WATER RESOURCES BOARD</p>	<p>LOI N° 71/2019 DU 29/01/2020 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DES RESSOURCES EN EAU</p>
<p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p>	<p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p>	<p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p>	<p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p>	<p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p>
<p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p>	<p>THE PARLIAMENT:</p>	<p>LE PARLEMENT:</p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 3 Ukuboza 2019;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its session of 3 December 2019;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 3 décembre 2019;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119,120, 139, 165 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119,120, 139, 165 et 176;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga</p>	<p>Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general</p>	<p>Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales</p>

<p>ibigo bya Leta, nk’uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 06/2017 ryo ku wa 03/02/2017 rishyiraho Ikigo Gishinzwe Gucunga no Guteza imbere Amazi n’Amashyamba mu Rwanda, rikanagena inshingano, imiterere n’imikorere byacyo;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p>Iri tegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w’Amazi mu Rwanda cyitwa “RWB” mu magambo ahinnye y’Icyongereza. Rigena kandi intego, inshingano, imiterere n’imikorere byacyo.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n’ubwisanzure</u></p> <p>RWB ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n’ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y’umutungo n’abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>provisions governing public institutions as amended to date;</p> <p>Having reviewed Law n° 06/2017 of 03/02/2017 establishing Rwanda Water and Forestry Authority and determining its mission, organisation and functioning;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p>This Law establishes Rwanda Water Resources Board abbreviated as “RWB”. It determines also its mission, responsibilities, organisation and functioning.</p> <p><u>Article 2: Legal personality and autonomy</u></p> <p>RWB has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy and is managed in accordance with relevant laws.</p>	<p>régissant les établissements publics, telle que modifiée à ce jour;</p> <p>Revu la Loi n° 06/2017 du 03/02/2017 portant création de l’Office Rwandais des Eaux et des Forêts et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement;</p> <p>ADOPTE:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p> <p>La présente loi porte création de l’Office Rwandais des Ressources en Eau dénommé «RWB», en anglais. Elle détermine également sa mission, ses attributions, son organisation et son fonctionnement.</p> <p><u>Article 2: Personnalité juridique et autonomie</u></p> <p>RWB est doté d’une personnalité juridique et jouit d’une autonomie administrative et financière et est géré conformément à la législation en la matière.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 3: Icyiciro RWB iherereyemo</u></p> <p>RWB iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Icyicarwo cya RWB</u></p> <p>Icyicarwo cya RWB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p> <p>RWB ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p> <p><u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RWB</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Intego ya RWB</u></p> <p>Intego ya RWB ni uguharanira ko haboneka umutungo kamere w'amazi uhagije kandi ucunzwe neza hagamijwe iterambere rirambye.</p>	<p><u>Article 3: Category of RWB</u></p> <p>RWB falls within the category of non-commercial public institutions.</p> <p><u>Article 4: Head office of RWB</u></p> <p>The head office of RWB is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be relocated elsewhere on the Rwandan territory if considered necessary upon approval by a Prime Minister's Order.</p> <p>RWB may, if considered necessary and upon approval by a Prime Minister's Order, have branches elsewhere in the country.</p> <p><u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF RWB</u></p> <p><u>Article 5: Mission of RWB</u></p> <p>The mission of RWB is to ensure the availability of enough and well managed water resources for sustainable development.</p>	<p><u>Article 3: Catégorie du RWB</u></p> <p>RWB rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non commercial.</p> <p><u>Article 4: Siège du RWB</u></p> <p>Le siège du RWB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre.</p> <p>RWB peut, en cas de besoin et sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu du territoire national.</p> <p><u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU RWB</u></p> <p><u>Article 5: Mission du RWB</u></p> <p>La mission du RWB est d'assurer la disponibilité des ressources en eau suffisantes et bien gérées pour un développement durable.</p>
---	--	--

<u>Ingingo ya 6: Inshingano za RWB</u>	<u>Article 6: Responsibilities of RWB</u>	<u>Article 6: Attributions du RWB</u>
<p>RWB ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gushyira mu bikorwa politiki, amategeko n’ingamba z’Igihugu byerekeranye n’umutungo kamere w’amazi;</p> <p>2° kugira inama Guverinoma mu bijyanye n’umutungo kamere w’amazi;</p> <p>3° gushyiraho ingamba zigamije ubumenyi bushingiye ku bushakashatsi ku mutungo kamere w’amazi n’iteganyagihe ku mibonekere y’amazi, ubwiza bwayo no gukenerwa kwayo;</p> <p>4° gushyiraho ingamba zijyanye no kubungabunga ibyogogo no kurwanya isuri no guhuza ibikorwa ku ishyirwa mu bikorwa by’izo ngamba;</p> <p>5° gushyiraho ingamba zijyanye no gucunga imyuzure;</p> <p>6° gushyiraho ibikorwa remezo byo kubika amazi;</p>	<p>RWB has the following responsibilities:</p> <p>1° to implement national policies, laws and strategies related to water resources;</p> <p>2° to advise the Government on matters related to water resources;</p> <p>3° to establish strategies aimed at knowledge based on research on water resources knowledge, forecasting on water availability, quality and demand;</p> <p>4° to establish strategies related to the protection of catchments and coordinate the implementation of erosion control plans;</p> <p>5° to establish floods management strategies;</p> <p>6° to establish water storage infrastructure;</p>	<p>Le RWB a les attributions suivantes:</p> <p>1° mettre en œuvre les politiques, les lois et les stratégies nationales relatives aux ressources en eau;</p> <p>2° conseiller le Gouvernement en matière des ressources en eau;</p> <p>3° élaborer les stratégies visant la connaissance basée sur la recherche en rapport avec les ressources en eau, les projections sur la disponibilité, la qualité et la demande de l’eau;</p> <p>4° mettre en place les stratégies relatives à la protection des bassins versants et coordonner la mise en œuvre des plans de lutte contre l’érosion;</p> <p>5° mettre en place les stratégies de gestion des inondations;</p> <p>6° mettre en place les infrastructures de stockage de l’eau;</p>

<p>7° gushyiraho ingamba zijyanye no gusaranganya umutungo kamere w'amazi;</p> <p>8° gushyiraho ingamba zijyanye no kubungabunga ubwiza n'ubwinshi bw'umutungo kamere w'amazi;</p> <p>9° kugenzura no gukurikirana ikorehwa neza ry'umutungo kamere w'amazi;</p> <p>10° gusuzuma imitegurire y'inyigo z'imihanda, ibiraro, ingomero z'amazi n'imiturire hagamijwe gukumira imyuzure no kubika amazi;</p> <p>11° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bwo gukumira imyuzure no kubika amazi mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imihanda, ibiraro n'ingamba z'imiturire;</p> <p>12° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego zo ku rwego rw'akarere cyangwa mpuzamahanga zihuje intego.</p>	<p>7° to establish water resources allocation plans;</p> <p>8° to establish water resources quality and quantity preservation strategies;</p> <p>9° to control and enforce water resources use efficiency;</p> <p>10° to examine the preparation of roads, bridges, dams and settlements designs in order to ensure flood mitigation and water storage standards;</p> <p>11° to monitor the implementation of flood mitigation measures and water storage during the implementation of roads, bridges and settlements' plans;</p> <p>12° to cooperate and collaborate with other regional and international institutions with a similar mission.</p>	<p>7° mettre en place les plans de distribution des ressources en eau;</p> <p>8° mettre en place les stratégies relatives à la préservation de la qualité et de la quantité des ressources en eau;</p> <p>9° contrôler et faire le suivi de l'utilisation efficace de ressources en eau;</p> <p>10° examiner l'élaboration des plans de routes, de ponts, de barrages et d'habitat en vue de lutter contre les inondations et stocker de l'eau;</p> <p>11° faire le suivi de la mise en œuvre des mesures de lutte contre les inondations et le stockage de l'eau lors de la mise en œuvre des plans de routes, de ponts et de l'habitat;</p> <p>12° coopérer et collaborer avec d'autres institutions tant régionales qu'internationales qui ont une mission similaire.</p>
--	--	--

<u>Ingingo ya 7: Ububasha bwa RWB</u>	<u>Article 7: Powers of RWB</u>	<u>Article 7: Pouvoirs du RWB</u>
<p>Kugira ngo ishobore kurangiza inshingano zayo, RWB ifite ububasha bukurikira:</p> <p>1° gusaba ikigo cyangwa urwego urwo ari rwo rwose raporo ku miterere y'umutungo kamere w'amazi mu gihe birureba no ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gukumira imyuzure n'amapfa;</p> <p>2° gutanga uruhushya ku bakoresha umutungo kamere w'amazi;</p> <p>3° guhuriza hamwe no guha umurungo imishinga ijyanye n'umutungo kamere w'amazi;</p> <p>4° gusura nta nteguza abahawe uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi mu rwego rwo kugenzura ko bubahiriza ibirukubiyemo;</p> <p>5° guhagarika by'agateganyo cyangwa kwambura uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi iyo uwaruhawe atubahiriza ibiteganywa n'amategeko;</p>	<p>In order to fulfil its responsibilities, RWB has the following powers:</p> <p>1° to request any concerned institution or organ for a report on the status of water resources and implementation of measures on flood and drought prevention;</p> <p>2° to issue permit to users of water resources;</p> <p>3° to coordinate and provide guidance on all initiatives relating to water resources;</p> <p>4° to visit, without any notice, the holders of water resources use permits in the framework of inspection and compliance with the requirements specified by water use permits;</p> <p>5° to suspend or revoke a water resources use permit in case the holder does not respect legal provisions;</p>	<p>Pour s'acquitter de ses attributions, le RWB dispose des pouvoirs suivants:</p> <p>1° demander à toute institution ou organe concerné de donner un rapport sur l'état des ressources en eau et la mise en œuvre des mesures de lutte contre les inondations et les sécheresses;</p> <p>2° octroyer un permis aux utilisateurs de ressources en eau;</p> <p>3° coordonner et commander toutes les initiatives relatives aux ressources en eau;</p> <p>4° visiter sans préavis les titulaires des permis d'utilisation de ressources en eau dans le cadre d'inspection de la conformité aux conditions spécifiées par les permis d'utilisation d'eau;</p> <p>5° suspendre ou révoquer un permis d'utilisation de ressources en eau dont le titulaire ne respecte pas les dispositions légales;</p>

<p>6° kwishyuza amafaranga yo gukoresha umutungo kamere w'amazi no guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu bigenwa n'amategeko;</p> <p>7° kwemeza inyigo z'imihanda, ibishushanyo mbonera by'imiturire, ibiraro n'ingomero mu rwego rwo gukumira imyuzure no kunoza uburyo bwo kubika amazi;</p> <p>8° kwemeza igenamigambi ryo gusubiranya ibiranga ahantu, iryo kubika amazi n'imiyoboro yayo no kurwanya isuri;</p> <p>9° gusura nta nteguza ibikorwa remezo bifite ibishushanyo mbonera byemejwe na RWB mu rwego rwo kureba ko byubahiriza ibisabwa.</p>	<p>6° to levy water resources usage charges and impose administrative fines provided for by laws;</p> <p>7° to approve road designs, master plans of settlements, bridges and dams in the context of flood mitigation and to maximise water storage mechanisms;</p> <p>8° to approve plans for site rehabilitation, water storage and its distribution channels and fight against erosion;</p> <p>9° to visit, without any notice, infrastructure with approved master plans by RWB to ensure compliance.</p>	<p>6° imposer les frais d'utilisation de ressources en eau et des amendes administratives prévues par la législation;</p> <p>7° approuver la conception des routes, les plans directeurs de l'habitat, des ponts et des barrages afin d'atténuer les inondations et de maximiser le stockage de l'eau;</p> <p>8° approuver les plans de réhabilitation du site, de stockage d'eau et les canaux de distribution d'eau ainsi que les plans de lutte contre l'érosion;</p> <p>9° visiter, sans préavis, les infrastructures dont les plans directeurs sont approuvés par le RWB pour s'assurer de leur conformité.</p>
---	---	--

<p>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RWB N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Urwego rureberera RWB</p> <p>Urwego rureberera RWB rugenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Amasezerano y'imihigo</p> <p>RWB ikorera ku masezerano y'imihigo.</p> <p>Uburyo RWB ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenywe.</p>	<p>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RWB AND PERFORMANCE CONTRACT</p> <p><u>Article 8:</u> Supervising authority of the RWB</p> <p>An Order of the Prime Minister determines the supervising authority of RWB.</p> <p><u>Article 9:</u> Performance contract</p> <p>RWB operates on the basis of performance contract.</p> <p>Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of RWB are determined by relevant laws.</p>	<p>CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU RWB ET CONTRAT DE PERFORMANCE</p> <p><u>Article 8:</u> Organe de tutelle du RWB</p> <p>Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle du RWB.</p> <p><u>Article 9:</u> Contrat de performance</p> <p>Le RWB fonctionne sur base d'un contrat de performance.</p> <p>Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance du RWB sont déterminées par la législation en la matière.</p>
<p>UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RWB</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RWB</p> <p>Inzego z'ubuyobozi za RWB ni izi zikurikira:</p> <p>1° Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>2° Urwego Nshingwabikorwa.</p>	<p>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RWB</p> <p><u>Article 10:</u> Management organs of RWB</p> <p>The management organs of RWB are the following:</p> <p>1° the Board of Directors;</p> <p>2° the Executive Organ.</p>	<p>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RWB</p> <p><u>Article 10:</u> Organes de direction du RWB</p> <p>Les organes de direction du RWB sont les suivants:</p> <p>1° le Conseil d'administration;</p> <p>2° l'Organe exécutif.</p>

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya RWB</u>	<u>Section One: Board of Directors of RWB</u>	<u>Section première: Conseil d'administration du RWB</u>
<u>Ingingo ya 11: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB</u>	<u>Article 11: Composition of the Board of Directors of RWB</u>	<u>Article 11: Composition du Conseil d'administration du RWB</u>
<p>Inama y'Ubuyobozi ya RWB igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo.</p>	<p>The Board of Directors of RWB is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.</p>	<p>Le Conseil d'administration du RWB est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le président et le vice-président.</p>
<p>Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.</p>	<p>Members of the Board of Directors of RWB are selected on the basis of their competence and expertise.</p>	<p>Les membres du Conseil d'administration du RWB sont choisis sur base de leur compétence et expertise.</p>
<p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB bagomba kuba ari abagore.</p>	<p>At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors of RWB must be female.</p>	<p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'administration du RWB doivent être de sexe féminin.</p>
<p>Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>A Presidential Order determines the term of office and replacement of members of the Board of Directors of RWB.</p>	<p>Un arrêté présidentiel détermine la durée du mandat et remplacement des membres du Conseil d'administration du RWB.</p>
<u>Ingingo ya 12: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi ya RWB</u>	<u>Article 12: Powers of the Board of Directors of RWB</u>	<u>Article 12: Pouvoirs du Conseil d'administration du RWB</u>
<p>Inama y'Ubuyobozi ya RWB ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no mu gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya RWB kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.</p>	<p>The Board of Directors of RWB is the supreme management and decision-making organ. It has absolute power to make decisions regarding administration, human resources and property of RWB in order to fulfil its mission.</p>	<p>Le Conseil d'administration du RWB est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il a le pouvoir absolu de prendre les décisions en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine du RWB pour s'acquitter de sa mission.</p>

Ingingo ya 13: Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi ya RWB	Article 13: Responsibilities of the Board of Directors of RWB	Article 13: Attributions du Conseil d’administration du RWB
<p>Inshingano z’ingenzi z’Inama y’Ubuyobozi ya RWB ni izi zikurikira:</p>	<p>The main responsibilities of the Board of Directors of RWB are:</p>	<p>Les principales attributions du Conseil d’administration du RWB sont les suivantes:</p>
<p>1° gukurikirana imikorere y’Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB no gutanga umurungo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n’Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;</p>	<p>1° to oversee the functioning of the Executive Organ of RWB and provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in fulfilment of its responsibilities;</p>	<p>1° superviser le fonctionnement de l’Organe exécutif du RWB et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l’Organe exécutif dans l’accomplissement de ses attributions;</p>
<p>2° kwemeza gahunda y’ibikorwa y’igihe kirekire n’iteganyabikorwa ry’igihe giciriritse n’iry’igihe gito bya RWB hamwe na raporo zijyana na byo;</p>	<p>2° to approve the long-term strategic plan, medium and short term action plan of RWB and related reports;</p>	<p>2° approuver le plan stratégique à long terme, le plan d’action à moyen et court terme du RWB et les rapports y relatifs;</p>
<p>3° gusinyana amasezerano y’imihigo n’urwego rureberera RWB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;</p>	<p>3° to conclude a performance contract with the supervising authority of RWB and to ensure its execution;</p>	<p>3° conclure un contrat de performance avec l’Organe de tutelle du RWB et faire le suivi de son exécution;</p>
<p>4° kwemeza amabwiriza ngengamikorere hamwe n’amategeko ngengamikorere bya RWB;</p>	<p>4° to approve the procedures manual and internal rules and regulations of RWB;</p>	<p>4° approuver le manuel des procédures et le règlement d’ordre intérieur du RWB;</p>
<p>5° kwemeza imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya RWB no</p>	<p>5° to approve the draft budget proposal of RWB and to monitor the budget execution;</p>	<p>5° approuver l’avant-projet de budget du RWB et assurer le suivi de l’exécution du budget;</p>

<p>gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;</p> <p>6° kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;</p> <p>7° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo za RWB;</p> <p>8° gusuzuma imikorere ya RWB hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;</p> <p>9° gutanga raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera RWB;</p> <p>10° gufata ibyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za RWB.</p>	<p>6° to approve the report on activities and the one on the use of property for the previous year;</p> <p>7° to approve the draft organisational structure of RWB;</p> <p>8° to evaluate the functioning of RWB on the basis of the action plan and budget;</p> <p>9° to submit quarterly and annual activity reports to the supervising authority of RWB;</p> <p>10° to make decisions on all critical matters falling under the responsibilities of RWB.</p>	<p>6° approuver le rapport d'activités et celui d'utilisation du patrimoine de l'année précédente;</p> <p>7° approuver le projet de cadre organique du RWB;</p> <p>8° évaluer le fonctionnement du RWB sur base du plan d'action et du budget;</p> <p>9° transmettre le rapport d'activités trimestriel et annuel à l'organe de tutelle du RWB;</p> <p>10° prendre les décisions sur tous les sujets cruciaux relevant des attributions du RWB.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RWB</u></p> <p>Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RWB afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi ya RWB no guhuza ibikorwa byayo;</p>	<p><u>Article 14: Duties of the Chairperson of the Board of Directors of RWB</u></p> <p>The Chairperson of the Board of Directors of RWB has the following duties:</p> <p>1° to lead the Board of Directors of RWB and coordinate its activities;</p>	<p><u>Article 14: Attributions du président du Conseil d'administration du RWB</u></p> <p>Le président du Conseil d'administration du RWB a les attributions suivantes:</p> <p>1° diriger le Conseil d'administration du RWB et coordonner ses activités;</p>

<p>2° gutumiza no kuyobora inama z’Inama y’Ubuyobozi ya RWB;</p> <p>3° gushyikiriza inyandikomvugo z’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB urwego ruyireberera;</p> <p>4° gushyira umukono ku masezerano y’imihigo hagati y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB n’urwego ruyireberera;</p> <p>5° gushyikiriza raporo zemejwe n’Inama y’Ubuyobozi ya RWB urwego bireba;</p> <p>6° gukurikirana ishkirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi ya RWB;</p> <p>7° gukora indi mirimo yasabwa n’Inama y’Ubuyobozi ya RWB iri mu nshingano zayo.</p>	<p>2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors of RWB;</p> <p>3° to submit minutes of meetings of the Board of Directors of RWB to its supervising authority;</p> <p>4° to sign the performance contract between the Board of Directors of RWB and its supervising authority;</p> <p>5° to submit reports of RWB adopted by the Board of Directors to the relevant organ;</p> <p>6° to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors of RWB;</p> <p>7° to perform such other duties under the responsibilities of RWB as the Board of Directors may assign to him or her.</p>	<p>2° convoquer et présider les réunions du Conseil d’administration du RWB;</p> <p>3° transmettre les procès-verbaux de réunions du Conseil d’administration du RWB à son organe de tutelle;</p> <p>4° signer le contrat de performance entre le Conseil d’administration du RWB et son organe de tutelle;</p> <p>5° transmettre à l’organe concerné les rapports du RWB adoptés par le Conseil d’administration;</p> <p>6° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d’administration du RWB;</p> <p>7° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du RWB que le Conseil d’administration peut lui confier.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 15: Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya RWB</u></p> <p>Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya RWB afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;</p> <p>2° gukora indi mirimo yose yasabwa n’Inama y’Ubuyobozi ya RWB iri mu nshingano zayo.</p>	<p><u>Article 15: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of RWB</u></p> <p>The Deputy Chairperson of the Board of Directors of RWB has the following duties:</p> <p>1° to assist the Chairperson and deputise him or her in case of his or her absence;</p> <p>2° to perform such other duties under the responsibilities of RWB as the Board of Directors may assign to him or her.</p>	<p><u>Article 15: Attributions du vice-président du Conseil d’administration du RWB</u></p> <p>Le vice-président du Conseil d’administration du RWB a les attributions suivantes:</p> <p>1° assister le président et le remplacer en cas d’absence;</p> <p>2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du RWB que le Conseil d’administration peut lui confier.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y’Ubuyobozi ya RWB</u></p> <p>Ugize Inama y’Ubuyobozi ya RWB ntiyemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RWB.</p> <p>Ugize Inama y’Ubuyobozi ntiyemerewe kandi, haba ku giti cye cyangwa ibigo afitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RWB.</p>	<p><u>Article 16: Incompatibilities with membership of the Board of Directors of RWB</u></p> <p>A member of the Board of Directors of RWB is not allowed to perform any remunerated activity within RWB.</p> <p>A member of the Board of Directors is also not allowed, whether individually or through companies in which he or she holds shares, to bid for tenders of RWB.</p>	<p><u>Article 16: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d’administration du RWB</u></p> <p>Un membre du Conseil d’administration du RWB n’est pas autorisé à exercer une activité rémunérée au sein du RWB.</p> <p>Un membre du Conseil d’administration n’est pas non plus autorisé, soit individuellement, soit par le biais des sociétés dont il est actionnaire, de soumissionner aux marchés du RWB.</p>

<p><u>Ingingo ya 17: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya RWB ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa</u></p>	<p><u>Article 17: Reasons for loss of membership in the Board of Directors of RWB and modalities for replacement</u></p>	<p><u>Article 17: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'administration du RWB et modalités de remplacement</u></p>
<p>Ugize Inama y'Ubuyobozi ya RWB ava muri uwo mwanya iyo:</p>	<p>A member of the Board of Directors of RWB loses membership if:</p>	<p>Un membre du Conseil d'administration du RWB cesse d'être membre si:</p>
<p>1° manda ye irangiye;</p>	<p>1° his or her term of office expires;</p>	<p>1° son mandat expire;</p>
<p>2° yeguye akoresheje inyandiko;</p>	<p>2° he or she resigns in writing;</p>	<p>2° il démissionne par écrit;</p>
<p>3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;</p>	<p>3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) licensed medical doctors;</p>	<p>3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions à cause d'incapacité physique ou mentale constatée par un comité de trois (3) médecins agréés;</p>
<p>4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);</p>	<p>4° he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;</p>	<p>4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;</p>
<p>5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;</p>	<p>5° he or she is absent from meetings for three (3) consecutive times without valid reasons;</p>	<p>5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;</p>
<p>6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;</p>	<p>6° he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position;</p>	<p>6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;</p>
<p>7° abangamira inyungu za RWB;</p>	<p>7° he or she jeopardises the interests of RWB;</p>	<p>7° il compromet les intérêts du RWB;</p>

<p>8° ahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;</p> <p>9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;</p> <p>10° apfuye.</p> <p>Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RWB n'ifatwa ry'ibyemezo</p> <p>Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RWB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.</p> <p>Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.</p>	<p>8° he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;</p> <p>9° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;</p> <p>10° he or she dies.</p> <p>In case a member of the Board of Directors of RWB leaves his or her duties before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her replacement to complete the remainder of his or her term of office.</p> <p><u>Article 18:</u> Convening and holding of a meeting of the Board of Directors of RWB and decision-making</p> <p>The meeting of the Board of Directors of RWB is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or, in his or her absence, by its Deputy Chairperson at his or her own initiative or at the request in writing of at least one third (1/3) of its members.</p> <p>The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.</p>	<p>8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;</p> <p>9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé;</p> <p>10° il décède.</p> <p>Lorsqu'un membre du Conseil d'administration du RWB perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le reste de son mandat.</p> <p><u>Article 18:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'administration du RWB et prise de décisions</p> <p>La réunion du Conseil d'administration du RWB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son président ou, en cas d'absence, de son vice-président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'un tiers (1/3) au moins de ses membres.</p> <p>L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.</p>
--	--	---

<p>Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.</p> <p>Mu byigwa n’Inama y’Ubuyobozi ya RWB mu gihembwe cya mbere cy’umwaka, harimo kwemeza raporo y’imari n’iy’ibikorwa by’umwaka urangiye.</p> <p>Buri gihembwe kandi, Inama y’Ubuyobozi ya RWB igomba gusuzuma raporo y’imari n’iy’ibikorwa byerekeranye n’igihembwe kirangiye zigashyikirizwa urwego rureberera RWB.</p> <p>Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by’abayigize. Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w’abayigize bahari.</p> <p>Umuyobozi Mukuru wa RWB yitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi ya RWB.</p> <p>Uburyo Inama y’Ubuyobozi ya RWB ifatamo ibyemezo buteganywa n’amategeko ngengamikorere ya RWB.</p>	<p>However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.</p> <p>Items to be considered by the Board of Directors of RWB in the first quarter of the year include the approval of the financial report and the activity report of the previous year.</p> <p>Every quarter, the Board of Directors of RWB must also examine the financial and activity reports relating to the previous quarter to be transmitted to the supervising authority of RWB.</p> <p>The quorum for a meeting of the Board of Directors of RWB consists of two thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of its members present.</p> <p>The Director General of RWB attends the meetings of the Board of Directors of RWB.</p> <p>Procedures for decision-making by the Board of Directors of RWB are determined by internal rules and regulations of RWB.</p>	<p>Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>Parmi les points à examiner par le Conseil d’administration au cours du premier trimestre figure l’approbation du rapport financier et du rapport d’activités de l’année précédente.</p> <p>Chaque trimestre, le Conseil d’administration du RWB doit également examiner le rapport financier et celui d’activités relatifs au trimestre précédent et les transmettre à l’organe de tutelle du RWB.</p> <p>Le quorum de la réunion du Conseil d’administration du RWB est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, quand la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre des membres présents.</p> <p>Le Directeur général du RWB participe aux réunions du Conseil d’Administration du RWB.</p> <p>Les modalités de prise de décisions par le Conseil d’administration du RWB sont déterminées par le règlement d’ordre intérieur du RWB.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 19:</u> Itumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB ry’umuntu ushobora kuyungura inama</p> <p>Inama y’Ubuyobozi ya RWB ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibyigwa.</p> <p>Uwatumwiwe ntiyemerewe gutora cyangwa gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibyigwa.</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB n’inyandikomvugo yayo</p> <p>Abagize Inama y’Ubuyobozi ya RWB bashyira umukono ku nyandiko y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera RWB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi.</p> <p>Umuyobozi w’urwego rureberera RWB atanga ibitekerezo ku myanzuro y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RWB mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) y’akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze</p>	<p><u>Article 19:</u> Invitation of a resource person to a meeting of the Board of Directors of RWB</p> <p>The Board of Directors of RWB may invite to its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.</p> <p>The invited person is not allowed to vote or to follow debates on other items on the agenda.</p> <p><u>Article 20:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of RWB</p> <p>Members of the Board of Directors of RWB sign the resolutions of the meeting of the Board of Directors of RWB immediately after the meeting and a copy thereof is sent to the supervising authority of RWB within five (5) working days.</p> <p>The head of the supervising authority of the RWB provides his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors of RWB within fifteen (15) working days from the day of reception of the resolutions. If this period expires before he or she provides his or her views, the</p>	<p><u>Article 19:</u> Invitation d’une personne ressource à une réunion du Conseil d’administration du RWB</p> <p>Le Conseil d’administration du RWB peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point à l’ordre du jour.</p> <p>La personne invitée n’est pas autorisée à voter ou à suivre les débats sur d’autres points inscrits à l’ordre du jour.</p> <p><u>Article 20:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d’administration du RWB</p> <p>Les membres du Conseil d’administration du RWB signent les résolutions de la réunion du Conseil d’administration immédiatement après la séance et leur copie est transmise à l’organe de tutelle du RWB dans les cinq (5) jours ouvrables.</p> <p>Le responsable de l’organe de tutelle du RWB donne son point de vue sur les résolutions de la réunion du Conseil d’administration endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives.</p>
---	--	--

<p>ntacyo ayivuzeho, imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.</p> <p>Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RWB ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa urwego rureberera RWB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera umunsi yemerejweho.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RWB</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru wa RWB ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RWB, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.</p> <p>Umuyobozi Mukuru wa RWB ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Iyo inama isuzuma ibibazo bimureba, abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB bitoramo umwanditsi.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa</u></p> <p>Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB afite inyungu bwite itaziguye</p>	<p>resolutions are considered definitively approved.</p> <p>The minutes of the meeting of the Board of Directors of RWB are signed jointly by the Chairperson and its rapporteur and approved at the next meeting. A copy of the minutes of the meeting is sent to the supervising organ of RWB within fifteen (15) working days from the day of approval.</p> <p><u>Article 21: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors of RWB</u></p> <p>The Director General of RWB serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors of RWB but he or she has no right to vote in decision making.</p> <p>The Director General of RWB does not attend meetings that examine issues concerning him or her. If the meeting is considering issues that concern him or her, members of the Board of Directors elect from among themselves a rapporteur.</p> <p><u>Article 22: Personal interest in issues under consideration</u></p> <p>If a member of the Board of Directors of RWB has a direct or indirect interest in an</p>	<p>Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'administration est signé conjointement par le président et son rapporteur et soumis à la session suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle du RWB endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de son approbation.</p> <p><u>Article 21: Rapporteur de la réunion du Conseil d'administration du RWB</u></p> <p>Le Directeur général du RWB est le rapporteur de la réunion du Conseil d'administration du RWB mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions.</p> <p>Le Directeur général du RWB ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent. Lorsque la réunion examine les questions qui le concernent, les membres du Conseil d'administration élisent parmi eux un rapporteur.</p> <p><u>Article 22: Intérêt personnel dans les points à l'examen</u></p> <p>Lorsqu'un membre du Conseil d'administration du RWB a un intérêt</p>
--	---	---

<p>cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.</p>	<p>issue under consideration, he or she must immediately inform the Board of Directors about where his or her interest lies. A member who declares an interest in the issue under consideration cannot attend the meeting deliberating on that issue.</p>	<p>direct ou indirect dans un point à l'examen, il doit en informer immédiatement le Conseil d'administration et montrer où son intérêt repose. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce point.</p>
<p>Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata icyemezo kuri icyo kibazo, icyo kibazo gishyikirizwa urwego rureberera RWB rukagifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).</p>	<p>If it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in an issue under consideration in such a way that it is impossible to decide on the issue, the issue is submitted to the supervising authority of RWB which takes decisions within thirty (30) days.</p>	<p>Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'administration ont un intérêt direct ou indirect sur un point à l'examen de sorte que la prise de décisions sur ce point devienne impossible, ce point est soumis à l'organe de tutelle du RWB pour décision dans les trente (30) jours.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB bitabiriye inama</u></p>	<p><u>Article 23: Sitting allowances for members of the Board of Directors of RWB</u></p>	<p><u>Article 23: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'administration du RWB</u></p>
<p>Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi ya RWB bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi ya RWB bigenwa n'Iteka rya Perezida.</p>	<p>A Presidential Order determines sitting allowances for members of the Board of Directors of RWB.</p>	<p>Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'administration du RWB.</p>

<p>Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB n’uko bashyirwaho</p> <p>Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB rugizwe n’Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n’Iteka rya Perezida n’abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Umuyobozi Mukuru Wungirije, rikanagena ububasha n’inshingano bye.</p> <p><u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z’Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB</p> <p>Urwego Nshingwabikorwa rwa RWB rufite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gukurikirana no guhuza imirimo n’ibikorwa bya buri munsu bya RWB;</p> <p>2° gushyira mu bikorwa indi inshingano rwahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ijyanye n’inshingano za RWB.</p>	<p><u>Section 2: Executive Organ of RWB</u></p> <p><u>Article 24: Composition of the Executive Organ of RWB and modalities for appointment</u></p> <p>The Executive Organ of RWB is comprised of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members recruited in accordance with relevant laws.</p> <p>A Presidential Order may also appoint a Deputy Director General and determine his or her powers and duties.</p> <p><u>Article 25: Responsibilities of the Executive Organ of RWB</u></p> <p>The Executive Organ of RWB has the following responsibilities:</p> <p>1° to monitor and coordinate daily functions and activities of RWB;</p> <p>2° to perform such other duties under the responsibilities of RWB as the Board of Directors can assign to him or her.</p>	<p><u>Section 2: Organe exécutif du RWB</u></p> <p><u>Article 24: Composition de l’Organe exécutif du RWB et modalités de nomination</u></p> <p>L’Organe exécutif du RWB est composé du Directeur général nommé par arrêté présidentiel et d’autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en la matière.</p> <p>Un arrêté présidentiel peut également nommer un Directeur général adjoint et déterminer ses pouvoirs et attributions.</p> <p><u>Article 25: Attributions de l’Organe exécutif du RWB</u></p> <p>L’Organe exécutif du RWB a les attributions suivantes:</p> <p>1° suivre et coordonner les tâches et activités quotidiennes du RWB;</p> <p>2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du RWB que le Conseil d’administration peut lui confier.</p>
---	--	--

<u>Ingingo ya 26: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RWB</u>	<u>Article 26: Powers and duties of the Director General of RWB</u>	<u>Article 26: Pouvoirs et attributions du Directeur général du RWB</u>
<p>Umuyobozi Mukuru wa RWB afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RWB akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya RWB.</p>	<p>The Director General of RWB has the powers to make decisions on the administrative and financial management of RWB in accordance with relevant laws. He or she also coordinates and directs the activities of RWB.</p>	<p>Le Directeur général du RWB dispose du pouvoir de prise de décisions dans la gestion administrative et financière du RWB conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige également les activités du RWB.</p>
<p>Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:</p>	<p>The Director General has the following duties:</p>	<p>Le Directeur général a les attributions suivantes:</p>
<p>1° gukurikirana imirimo ya buri muni ya RWB;</p>	<p>1° to make a follow-up on daily activities of RWB;</p>	<p>1° faire le suivi des activités quotidiennes du RWB;</p>
<p>2° guhagararira RWB imbere y'amategeko;</p>	<p>2° to serve as the legal representative of RWB;</p>	<p>2° être le représentant légal du RWB;</p>
<p>3° kuba umuvugizi wa RWB;</p>	<p>3° to serve as the spokesperson of RWB;</p>	<p>3° servir de porte-parole du RWB;</p>
<p>4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RWB;</p>	<p>4° to ensure the implementation of decisions of the Board of Directors of RWB;</p>	<p>4° assurer la mise en œuvre des décisions du Conseil d'administration du RWB;</p>
<p>5° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya RWB no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi;</p>	<p>5° to ensure the management of staff, equipment and property of RWB and submit a related report to the Board of Directors;</p>	<p>5° assurer la gestion du personnel, des équipements et du patrimoine du RWB et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'administration;</p>

<p>6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>7° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe ku Nama y'Ubuyobozi ya RWB</p> <p>8° gutegura umushinga w'amabwiriza ngengamikorere hamwe n'amategeko ngengamikorere ya RWB yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RWB;</p> <p>9° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RWB;</p> <p>10° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya RWB;</p> <p>11° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo;</p> <p>12° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano za RWB.</p>	<p>6° to prepare the action plan and activity report to be approved by the Board of Directors;</p> <p>7° to submit the quarterly activity report to the Board of Directors of RWB;</p> <p>8° to prepare the draft of the procedures manual and the internal rules and regulations of RWB to be approved by the Board of Directors of RWB;</p> <p>9° to prepare the draft budget proposal of RWB;</p> <p>10° to ensure the execution of the budget of RWB;</p> <p>11° to attend the meetings of the Board of Directors and act as a rapporteur;</p> <p>12° to perform any other duties falling within the mission of RWB as may be assigned to him or her by the Board of Directors.</p>	<p>6° élaborer le plan d'action et le rapport d'activités à être approuvés par le Conseil d'administration;</p> <p>7° soumettre le rapport d'activités trimestriel au Conseil d'administration du RWB;</p> <p>8° élaborer le projet de manuel de procédure et de règlement d'ordre intérieur du RWB à être approuvé par le Conseil d'administration du RWB;</p> <p>9° préparer l'avant-projet de budget du RWB;</p> <p>10° assurer l'exécution du budget du RWB;</p> <p>11° participer aux réunions du Conseil d'administration et servir de rapporteur;</p> <p>12° effectuer toute autre tâche relevant de la mission du RWB que le Conseil d'administration peut lui confier.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z’abandi bakozi b’Urwego Nshingwabikorwa ba RWB</p> <p>Inshingano z’abandi bakozi b’Urwego Nshingwabikorwa ba RWB zigenwa n’Iteka rya Minisitiri w’Intebe.</p> <p><u>Ingingo ya 28:</u> Sitati igenga abakozi ba RWB</p> <p>Abakozi ba RWB bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 29:</u> Imiterere y’inzezo z’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi ba RWB.</p> <p>Imiterere y’inzezo z’imirimo, ibisabwa ku myanya y’imirimo, imishahara n’ibindi bigenerwa abakozi ba RWB bigenwa n’Iteka rya Minisitiri w’Intebe.</p> <p><u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N’IMARI BYA RWB</u></p> <p><u>Ingingo ya 30:</u> Umutungo wa RWB n’inkomoko yawo</p> <p>Umutungo wa RWB ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.</p>	<p><u>Article 27:</u> Duties of other staff members of the Executive Organ of RWB</p> <p>The responsibilities of other staff members of the Executive Organ of RWB are determined by a Prime Minister’s Order.</p> <p><u>Article 28:</u> Statutes governing the staff of RWB</p> <p>The staff of RWB is governed by the General Statutes for Public Service.</p> <p><u>Article 29:</u> Organisational structure, salaries and fringe benefits allocated to the staff of RWB</p> <p>A Prime Minister’s Order determines the organisational structure, job profile, salaries and fringe benefits allocated to the staff of RWB.</p> <p><u>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF RWB</u></p> <p><u>Article 30:</u> Property of RWB and its sources</p> <p>The property of RWB comprises of movable and immovable assets.</p>	<p><u>Article 27:</u> Attributions d’autres membres du personnel de l’Organe exécutif du RWB</p> <p>Les attributions d’autres membres du personnel de l’Organe exécutif du RWB sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.</p> <p><u>Article 28:</u> Statut régissant le personnel du RWB</p> <p>Le personnel du RWB est régi par le statut général de la fonction publique.</p> <p><u>Article 29:</u> Cadre organique, salaires et avantages alloués au personnel du RWB</p> <p>Un arrêté du Premier Ministre détermine le cadre organique, les profils exigés pour les postes, les salaires et avantages alloués au personnel du RWB.</p> <p><u>CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU RWB</u></p> <p><u>Article 30:</u> Patrimoine du RWB et ses sources</p> <p>Le patrimoine du RWB est composé de biens meubles et immeubles.</p>
---	---	---

<p>Umutungo wa RWB ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta; 2° inkunga za Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa mu iterambere; 3° ibituruka ku mirimo ikora; 4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo; 5° inguzanyo zihabwa RWB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze; 6° impano n'indagano. 	<p>The property of RWB derives from the following sources:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° State budget allocations; 2° State or development partners' subsidies; 3° income from services rendered; 4° interests from its property; 5° loans granted to RWB as approved by the Minister in charge of finance; 6° donations and bequests. 	<p>Le patrimoine du RWB provient des sources suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° les dotations budgétaires de l'État; 2° les subventions de l'État ou des partenaires du développement; 3° les revenus des services prestés; 4° les intérêts de son patrimoine; 5° les prêts accordés au RWB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; 6° les dons et legs.
<p><u>Ingingo ya 31:</u> Itegurwa n'iyemezwa ry'ingengo y'imari ya RWB</p> <p>RWB itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 31:</u> Preparation and approval of the budget of RWB</p> <p>RWB prepares its annual budget to be approved by the competent authority and executed in accordance with relevant laws.</p>	<p><u>Article 31:</u> Préparation et approbation du budget du RWB</p> <p>Le RWB prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente et exécuté conformément à la législation en la matière.</p>

<p><u>Ingingo ya 32: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RWB</u></p> <p>Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RWB bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry'imikoreshereze y'umutungo wa RWB buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagera kopi Umuyobozi Mukuru wa RWB.</p>	<p><u>Article 32: Use, management and audit of the property of RWB</u></p> <p>The use, management and audit of the property of RWB are carried out in accordance with relevant laws.</p> <p>The internal audit service of RWB submits a report to the Board of Directors with a copy to the Director General of RWB.</p>	<p><u>Article 32: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du RWB</u></p> <p>L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du RWB sont effectués conformément à la législation en la matière.</p> <p>Le service d'audit interne du RWB transmet son rapport au Conseil d'administration et en donne copie au Directeur général du RWB.</p>
<p><u>Ingingo ya 33: Raporo y'umwaka w'ibaruramari ya RWB</u></p> <p>Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa RWB ashyikiriza urwego rureberera RWB raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RWB hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.</p>	<p><u>Article 33: Annual financial report of RWB</u></p> <p>The Director General of RWB is required, within three (3) months following the closure of the financial year, to submit the annual financial statements to the supervising authority of RWB after approval by the Board of Directors of RWB in accordance with laws governing the management of State finance and property.</p>	<p><u>Article 33: Rapport annuel des états financiers du RWB</u></p> <p>Endéans trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur général du RWB transmet à l'organe de tutelle du RWB le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'administration du RWB conformément à la législation régissant les finances et le patrimoine de l'État.</p>

<p>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA</p>	<p>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</p>	<p>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRE ET FINALES</p>
<p><u>Ingingo ya 34:</u> Kwegurirwa abakozi</p> <p>Abakozi bari ab'Ikigo Gishinzwe Gucunga no Guteza imbere Amazi n'Amashyamba mu Rwanda bagengwaga n'Itegeko n° 06/2017 ryo ku wa 03/02/2017, rishyiraho Ikigo Gishinzwe Gucunga no Guteza imbere Amazi n'Amashyamba mu Rwanda, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, beguriwe RWB ishyizweho n'iri tegeko hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yayo.</p>	<p><u>Article 34:</u> Transfer of employees</p> <p>The employees of Rwanda Water and Forestry Authority formerly governed by the Law n° 06/2017 of 03/02/2017 establishing Rwanda Water and Forestry Authority and determining its mission, organisation and functioning are transferred to RWB established by this Law, in accordance with its organisational structure.</p>	<p><u>Article 34:</u> Transfert du personnel</p> <p>Le personnel de l'Office Rwandais des Eaux et des Forêts anciennement régi par la Loi n° 06/2017 du 03/02/2017 portant création de l'Office Rwandais des Eaux et des Forêts et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement est transféré au RWB créé par la présente loi conformément à son cadre organique.</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u> Kwegurirwa umutungo, imyenda n'amasezerano</p> <p>Umutungo, imyenda n'amasezerano byari iby'Ikigo Gishinzwe Gucunga no Guteza imbere Amazi n'Amashyamba mu Rwanda cyashyizweho n'Itegeko n° 06/2017 ryo ku wa 03/02/2017, rishyiraho Ikigo Gishinzwe Gucunga no Guteza imbere Amazi n'Amashyamba mu Rwanda, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, byeguriwe RWB ishyizweho n'iri tegeko hashingiwe ku nshingano zayo.</p>	<p><u>Article 35:</u> Transfer of property, liabilities and contracts</p> <p>The property, liabilities and contracts of the Rwanda Water and Forestry Authority established by the Law n° 06/2017 of 03/02/2017 establishing Rwanda Water and Forestry Authority and determining its mission, organisation and functioning are transferred to RWB established by this Law, in accordance with its responsibilities.</p>	<p><u>Article 35:</u> Transfert du patrimoine, du passif et des contrats</p> <p>Le patrimoine, le passif et les contrats de l'Office Rwandais des Eaux et des Forêts créé par la Loi n° 06/2017 du 03/02/2017 portant création de l'Office Rwandais des Eaux et des Forêts et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement sont transférés au RWB créé par la présente loi conformément à ses attributions.</p>

<p><u>Ingingo ya 36: Igihe cy'inzibacyuho</u></p> <p>Inzego zirebwa n'iri tegeko zihawe igihe kitarenze amezi atandatu (6) uherye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo zibe zubahirije ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Itegeko n° 06/2017 ryo ku wa 03/02/2017 rishyiraho Ikigo Gishinzwe Gucunga no Guteza imbere Amazi n'Amashyamba mu Rwanda, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p><u>Article 36: Transitional period</u></p> <p>Organs to which this Law applies have a time limit of six (6) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to comply with the provisions of this Law.</p> <p><u>Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 38: Repealing provision</u></p> <p>Law n° 06/2017 of 03/02/2017 establishing Rwanda Water and Forestry Authority and determining its mission, organisation and functioning and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p><u>Article 36: Période transitoire</u></p> <p>Les organes auxquels s'applique la présente loi disposent d'un délai de six (6) mois à compter du jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions de la présente loi.</p> <p><u>Article 37: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 38: Disposition abrogatoire</u></p> <p>La Loi n° 06/2017 du 03/02/2017 portant création de l'Office Rwandais des Eaux et des Forêts et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>
--	--	--

<u>Ingingo ya 39: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</u>	<u>Article 39: Commencement</u>	<u>Article 39: Entrée en vigueur</u>
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 04 of 03/02/2020

Kigali, ku wa 29/01/2020 (sé) KAGAME Paul Perezida wa Repubulika	Kigali, on 29/01/2020 (sé) KAGAME Paul President of the Republic	Kigali, le 29/01/2020 (sé) KAGAME Paul Président de la République
(sé) Dr NGIRENTE Edouard Minisitiri w’Intebe	(sé) Dr NGIRENTE Edouard Prime Minister	(sé) Dr NGIRENTE Edouard Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: (sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	Seen and sealed with the Seal of the Republic: (sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General	Vu et scellé du Sceau de la République: (sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux